**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**

**AKARERE KA MUSANZE**

## INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA MUSANZE YATERANYE KUWA 31/01/2020

None kuwa 31/01/2020 saa tatu n'iminota cumi n'itanu (9h15) ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye Inama Njyanama idasanzwe iyobowe na Perezida wayo, Bwana **ABAYISENGA Emile**. Inama yatangiye abitabiriye baririmba Indirimbo y'Igihugu cyacu yakurikiwe n'Isengesho. Atangiza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yifurije abiyitabiriye gukomeza kugira umwaka mushya muhire no kurushaho kwimakaza indangagaciro yo kubahiriza igihe Abajyanama bakabera abandi urugero.

**KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO ZIKURIKIRA:**

1. Gusuzuma no kwemeza Ingengo y'Imari ivuguruye y'umwaka wa 2019-2020

Nyuma yo kungurana ibitekerezo , Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Musanze yafashe ibyemezo bikurikira:

| INGINGO ZIZWEHO | INYANDIKO MVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO | IBYEMEZO BYAFASHWE |
|---|---|---|
| 1.Gusuzuma no kwemeza Ingengo y'Imari ivuguruye y'umwaka wa 2019-2020 | Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, **Bwana NTIRENGANYA Emmanuel**, afatanije n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, **Bwana BAGIRISHYA Peter Claver** bagejeje ku bitabiriye Inama Njyanama idasanzwe bimwe mu byahindutse mu Ngengo y'Imari ivuguruye, impamvu yabyo | **01/01/2020/01**: Nyuma yo gusesengura no kungurana ibitekerezo ku mushinga w'Ingengo y'Imari ivuguruye y'Akarere ka Musanze umwaka wa 2019/2020, Inama Njyanama yawemeje Ingengo y'Imari iva kuri Miliyari makumyabiri n'imwe na |

| | | |
|---|---|---|
| | n'imbogamizi zatumye mu mikoreshereze y'Ingengo y'Imari Akarere kageze kuri **45%.**<br>-Amafaranga Akarere kashoboye kubona yakoreshejwe ku kigero cya 95%;<br>-Amafaranga yagiye agabanwa ku bikorwa bimwe akongerwa ku bindi byihutirwa kurusha ibindi;<br>-Ingengo y'Imari yari igenewe kubaka Umurenge wa Gacaca yavanwemo ishyirwa mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage( Human Security Issues);<br>-Hongerewe amafaranga agenerwa ibikorwa bya Siporo n'imyidagaduro;<br>-Gufasha Kinigi Transit Center: hiyongereyeho amafaranga miliyoni cumi n'eshatu kubera ko mubo yakira hiyongereyemo abacuruza urumogi n'abafatanwa magendu bagomba kumaramo amezi atatu bigishwa kugorora umuco;<br>-Hongerewe amafaranga yo kugura imbangukiragutabara (ambulance)<br>-Hongewe amafaranga yo gufasha Imirenge mu mirimo yabo ya buri munsi (frais de fonctionnement);<br>-Hagabanutse amafaranga agenewe imishahara y'abakozi kubera abagombaga gushyirwa mu mwanya batashyizwemo hashingiwe ku mabwiriza ya MIFOTRA.<br>Ingengo y'Imari ivuguruye y'umwaka wa 2019-2020 yavuye ku mafaranga y'u Rwanda Miliyari makumyabiri n'imwe na millioni magana atatu na mirongo ine n'enye n'ibihumbi magana abiri na | miliyoni magana atatu na mirongo ine n'enye n'ibihumbi magana abiri na makumyabiri na bitatu n'ijana na mirongo icyenda n'atandatu (21,344,223,196frws) igera kuri **Miliyari makumyabiri n'imwe na miliyoni magana inane na cumi n'imwe n'ibihumbi magana atandatu makumyabiri na bitatu na magana abiri mirongo inane n'icyenda (21,811,623,289frws)**.<br>Hiyongereyeho Miliyoni magana ane na mirongo itandatu na zirindwi n'ibihumbi magana ane na mirongo icyenda n'atatu (**467,400,093frws**) bingana na **2%** by'Ingengo y'Imari yose.<br><br>**02/01/2020/02**: ,Inama Njyanama imaze kugezwaho ubusabe bwa Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (*Rwanda Revenue Authority)* mu ibaruwa ye n°1420/RRA/-CG/RD&T/19 yo kuwa 12/07/2019 yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba kubahiriza ingingo ya **10 y'Iteka rya Perezida** n° **25/01** ryo kuwa **09/07/2012** ivuga ko:*"Amahoro yishyurwa buri mwaka ku cyemezo cy'ubukode bukorerwaho imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi bufite ubuso buri hejuru ya hegitari ebyiri (2) ni amafaranga ibihumbi bine by'amanyarwanda(**4,000frws**)/ kuri hegitari imwe".* |

| | | |
|---|---|---|
| | makumyabiri na bitatu n'ijana na mirongo icyenda n'atandatu (**21,344,223,196 frws**) igera kuri Miliyari makumyabiri n'imwe na miliyoni magana inane na cumi n'imwe n'ibihumbi magana atandatu makumyabiri na bitatu na magana abiri mirongo inane n'icyenda (**21,811,623,289 frws**). Hiyongereyeho amafranga y'u Rwanda miliyoni magana ane na mirongo itandatu na zirindwi n'ibihumbi magana ane na mirongo icyenda n'atatu(**467,400,093frws**) bingana na **2%** by'Ingengo y'Imari yose.<br>Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku Ngengo y'Imari igenewe itumanaho rifasha ibyiciro byihariye kuzuza inshingano, Inama Njyanama yifuje ko hakorwa inama izahuza abashinzwe imikoreshereze y'Ingengo y'Imari n'abakuriye ibyo byiciro kugirango basobanukirwe neza ibyo buri cyiciro kigenewe. | Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kubahiriza amahoro k'ubukode bw'ibishanga angana n'amafaranga ibihumbi bine (**4,000frw**) ku mwaka kuri hegitari imwe nk'uko bikubiye muri iyo baruwa, nyuma bikazemezwa muri *tarif* y'imisoro n'amahoro.<br><br>**03/01/2020/03:** Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku mishinga igenewe gufasha abatishoboye kwivana mu bukene, aho imishinga yari itenganijwe mu Mirenge itanu (5) gusa mu Karere, nyuma y'amabwiriza y'Ikigo gishinzwe Iterambere (LODA) asaba ko ubushobozi buhari bwagera mu Mirenge yose igize Akarere, imishinga izaterwa inkunga muri buri Murenge izagabanuka kubera gusaranganya, Inama Njyanama irasaba Komite Nyobozi y'Akarere gushyiraho imirongo ngenderwaho izakurikizwa mu gutoranya imishinga izahabwa inguzanyo(Finance Services) kugira ngo hirindwe amarangamutima n'ibindi bibazo byavuka mu gutoranya imishinga y'abagenerwabikorwa. |

Inama yasoje imirimo yayo saa tanu n'igice (11h30) Umuyobozi w'inama ashimira abitabiriye n'ibitekerezo batanze.

**Umwanditsi w'Inama:**

**NYIRABYIMANA Jacqueline**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**Umuyobozi w'Inama:**

**ABAYISENGA Emile**
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA GIHINDURA KANDI CYUZUZA ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA N$^{O}$ 76/19 CYO KUWA 28/06/2019 GISHYIRAHO INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA MUSANZE Y'UMWAKA WA 2019/2020**

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka **MUSANZE** mu nama yabo yo kuwa 31/01/ 2020;

Bashingiye ku Itegeko Ngenga N°12/2013 ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta

Bashingiye ku Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iya 5, iya 57, iya 58, iya 60, iya 61, iya 62 n'iya 63;

Bashingiye ku Itegeko N°87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 ryerekeye imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage

Bashingiye ku Iteka rya Perezida N°25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze cyane cyane mu ngingo ya 3;

Bashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 004/07.01 ryo kuwa 18/09/2006 rishyiraho amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 35;

**Bemeje:**

**Ingingo ya mbere: Amafaranga ateganijwe kwinjira**

Ingingo ya mbere y'Icyemezo cy'Inama Njyanama n° **76/19** cyo kuwa **28/06/2019** gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** y'umwaka wa **2019/2020** ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Hakurikijwe Imbonerahamwe "A" ikurikira, amafaranga ateganijwe kwinjira mu Ngengo y'Imari y'Akarere ka MUSANZE mu gihe cy'umwaka wa **2019/2020**, ahwanye na **Miliyari makumyabiri n'imwe miliyoni magana inane na cumi n'imwe ibihumbi magana atandatu na makumyabiri na bitatu na magana abiri na mirongo inane n'icyenda y'u Rwanda ( 21,811,623,289 Frw)**

Ibisobanuro birambuye byerekeye ateganyijwe kwinjira mu Isanduku y'Akarere arimo akomoka ku misoro n'andi mafaranga yinjizwa n'Akarere, inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa Leta ndetse n'Inkunga zituruka mu bandi baterankunga batandukanye, biri ku mugereka wa mbere w'iki cyemezo.

Ayo mafaranga akwirakwije ku buryo bukurikira:

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA

DISTRICT DE MUSANZE OFFICE NOTARIAL

| Imbonerahamwe"A" | Table"A" | Tableau"A" | Umubare/ Amount /Montant |
|---|---|---|---|
| **I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE** | **I. DISTRICT OWN REVENUES** | **I. LES RECETTES PROPRES DU DISTRICT** | **2,669,694,862** |
| **I.1. Imisoro yakwa n'Akarere** | **I.1. District taxes** | **I.1. Taxes du District** | **646,330,212** |
| I.1.1. Umusoro ku mutungo utimukanwa | I.1.1. Fixed asset tax | I.1.1. Impôts sur les biens immobiliers | 47,801,521 |
| I.1.2. Umusoro ku nyungu z'ubukode | I.1.3. Rental income tax | I.1.3. Impôts sur le revenu locatif | 243,423,309 |
| I.1.3. Umusoro w'Ipatanti | I.1.4. Trading license tax | I.1.4. Droit de patente | 355,105,382 |
| **I.2. Amahoro yakwa n'Akarere** | **I.2. Fees charged by District** | **I.2. Taxes parafiscales imposes par le District** | **2,023,364,650** |
| I.2.1. Amahoro yo mu isoko | I.2.1.Market fees | I.2.1. Frais du marché; | 300,123,015 |
| I.2.2. Amahoro yakwa ku marimbi rusange; | I.2.2. Fees charged on public cemeteries | I.2.2. Frais sur les cimetières publics | 277,290 |
| I.2.3. Amahoro kuri parking | I.2.3. Fees charged on public parkings | I.2.3. Frais de parkings | 6,000,000 |
| I.2.4. Amahoro kuri za parikingi rusange | I.2.4. Fees on public taxi parks | I.2.4. Frais sur les parcs de stationnement publics | 0 |
| I.2.5. Amahoro kuri parking z'ubwato | I.2.5. Parking fee on boats | I.2.5. Frais de parking pour les bateaux | 0 |
| I.2.6. Amahoro y'ubukode bw'ubutaka | I.2.6. Fees on land lease | I.2.6. Frais sur la location de terrains | 439,361,981 |
| I.2.7. Amahoro yakwa buri mwaka k'ubukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi | I.2.7. Land lease fees to be collected annually on land used for agriculture and livestock activities | I.2.7. Frais de locations perçus annuellement sur les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevages | 36,119,845 |
| I.2.8. Amahoro yakwa buri mwaka k'ubukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri | I.2.8. Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation | I.2.8. Frais perçus annuellement sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carriers | 3,435,727 |
| I.2.9. Amahoro y'isuku rusange | I.2.9. Fees charged on public cleaning services | I.2.9. Frais pour les services de nettoyage public | 204,710,864 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| I.2.10. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe | I.2.10. Fee charged on civil marriage done outside the official business days | I.2.10. Frais pour la célébration d'un mariage civil en dehors des jours ouvrables officiels | 1,209,878 |
| I.2.11. Amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza | I.2.11. Fees charged on provision of land and plot related services | I.2.11. Frais sur les services liés aux documents de biens immobiliers et aux parcelles | 105,690,395 |
| I.2.12. Amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri | I.2.12. Fees charged on official documents provided by the Government and documents notified by the public Notary | I.2.12. Frais sur les documents officiels délivrés par le Gouvernement et les actes notariés du notaire | 24,487,081 |
| I.2.13. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, kubumba no gutwika amatafari n'amategura; | I.2.13. Fees charged on authorizations to burn firewood, clay bricks and roof tiles | I.2.13. Frais pour la délivrance d'une autorisation de production des briques cuites, des tuiles et du charbon de bois ; | 994,275 |
| I.2.14. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole; | I.2.14. Fees charged on advertising billboard or banners | I.2.14. Frais sur les panneaux publicitaires et banderoles; | 3,530,634 |
| I.2.15. Amahoro yakwa ku cyapa cy'ubwato | I.2.15. Fees charged on boat number plates | I.2.15. Frais sur les plaques d'immatriculation des bateaux ; | 0 |
| I.2.16. Amahoro yakwa ku byapa by'amagare | I.2.16. Fees charged on bicycle number plates | I.2.16. Frais sur les plaques d'immatriculation des vélos; | 2,012,099 |
| I.2.17. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi | I.2.17. Fees charged on communication towers | I.2.17. Frais sur les antennes de communication ; | 3,000,000 |
| I.2.18. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba | I.2.18. Fees charged on transport of materials from quarries and forests | I.2.18. Frais sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts | 250,000,000 |
| I.3. Andi mafaranga atari imisoro yakwa n'Akarere | I.3. District non tax revenues | I.3. Recettes non fiscales du District | 78,843,340 |
| I.3.1 Amahazabu | I.3.1 Fines | I.3.1 Frais d'amendes | 397,488 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| I.3.2 Impano n'indagano | I.3.2 Donations and bequests | I.3.2 Dons et legs | 0 |
| I.3.3 Amafaranga aturuka ku gaciro k'umutungo utimukanwa ugurishijwe muri cyamunara | I.3.3 Fees from the value of immovable property sold by auction | I.3.3 Frais perçus sur la valeur d'une propriété immobilière vendue aux enchères | 512,293,968 |
| I.3.4 Amafaranga aturuka ku bukode no ku igurishwa ry'ubutaka bw'inzego z'ibanze | I.3.4 Funds obtained from rent and sale of land of decentralized entities | I.3.4 Recettes provenant du loyer et de la vente des terres des entités décentralisées | 50,876,770 |
| **II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA** | **II. TRANSFERS FROM CENTRAL GOVERNMENT** | **II.TRANSFERS DU GOUVERNEMENT CENTRAL** | **14,120,391,429** |
| II.1. Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | II.1. Block Grant transfers | II.1. Transferts non ciblés | 2,121,461,160 |
| II.2. Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | II.2. Earmarked transfers | II.2. Transferts ciblés | 11,998,930,269 |
| **III.. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA** | **III. OTHER GOVERNMENT AGENCY GRANTS** | **III. AUTRES TRANSFERTS EN PROVENANCE DES INSTITUTIONS DE L'ETAT** | **4,320,575,230** |
| **IV. AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA** | **IV. DONOR FUNDS** | **IV. DONS DES BAILLEURS** | **0** |
| **V. AMAFARANGA YIMUKANYWE** | **V. BALANCES BROUGHT FORWARD** | **V.REPORT DU SOLDE ANTERIEUR** | **700,961,768** |
| **VI. ANDI MAFARANGA YISHYURWA** | **VI. OTHER EXPENDITURES** | **VI. AUTRES PAIEMENTS** | **0** |
| **VII. INGUZANYO** | **VII. DOMESTIC LOAN** | **VII. EMPRUNTS** | **0** |
| **VIII. INYUNGU KW'ISHORAMARI** | **VIII. BENEFITS FROM INVESTMENTS** | **VIII. BENEFICES D'INVESTISSEMENTS** | **0** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **TOTAL REVENUES (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **RECETTES TOTALES (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **21,811,623,289** |

AKARERE KA MUSANZE

DISTRICT DE MUSANZE OFFICE NOTARIAL

**Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe gusohoka**

Ingingo ya kabiri y'Icyemezo cy'Inama Njyanama n° **76/19** cyo kuwa **28/06/2019** gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** y'umwaka wa **2019/2020** ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Hakurikijwe imbonerahamwe "B" ikurikira, amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** mu mwaka wa **2019/2020** ahwanye na **Miliyari makumyabiri n'imwe miliyoni magana inane na cumi n'imwe ibihumbi magana atandatu na makumyabiri na bitatu na magana abiri na mirongo inane n'icyenda y'u Rwanda ( 21,811,623,289 Frw)**

Amafaranga yose Akarere gateganya gukoresha agabanijemo amafaranga akoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura Imishahara, kwishyura ibikoresho n'imirimo bihabwa Akarere mu kazi ka buri munsi ndetse n'amafaranga ashorwa mu mishinga y'Iterambere, akwirakwijwe ku buryo bukurikira:

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

DISTRICT DE MUSANZE OFFICE NOTARIAL

| Imbonerahamwe "B" | Table "B" | Tableau "B" | |
|---|---|---|---|
| **I. Amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y'Imari,isanzwe** | **I. Recurrent expenditures** | **I. Dépenses courantes** | **12,372,707,827** |
| I.1.Amafaranga yishyura Imishahara | I.1. Wages and salaries | I.1.Salaires | 8,363,410,100 |
| I.2.Amafaranga akoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 1,982,543,122 |
| I.3. Amafaranga akoreshwa mu kugura ibikoresho birambye | I.3. Acquisition of fixed assets | I.3. Achat des immobilizations | 78,698,046 |
| I.4. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.4. Subsidies and current transfers | I.4.Subvention et transferts courants | 1,747,831,464 |
| I.5. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | I.5. Social benefits | I.5. Assistance sociale | 193,725,095 |
| I.6 Ibindi byishyurwa | I.6 Other expenditures | I.6 Autres paiements | 6,500,000 |
| **II. Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterambere** | **II. Development projects** | **II. Projets de développement** | **9,438,915,462** |
| II,1.Amafaranga akoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 1,872,831,715 |
| II,2. Amafaranga akoreshwa mu kugura ibikoresho birambye | I.3. Acquisition of fixed assets | I.3. Achat des immobilizations | 4,654,165,143 |
| II.3. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.4. Subsidies and current transfers | I.4.Subvention et transferts courants | 1,078,594,655 |
| II.4. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | I.5. Social benefits | I.5. Assistance sociale | 1,833,323,949 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA AZAKORESHWA** | **TOTAL EXPENDITURES** | **DEPENSES TOTALES** | **21,811,623,289** |

Amafaranga azakoreshwa n'Akarere asaranganyijwe hakurikijwe imirongo y'ingengo y'imari, ibikorwa bijyanye n'ingamba zo kurwanya ubukene (EDPRS), ibyiciro by'imirimo, porogaramu ndetse n'urwego rw'ubukungu nkuko umugereka wa II ubyerekana.

**Ingingo ya 3: Uburinganire bw'ingengo y'imari y'akarere**

Ingingo ya gatatu y'Icyemezo cy'Inama Njyanama n° **76/19** cyo kuwa **28/06/2019** gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka **MUSANZE** y'umwaka wa **2019/2020** ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Uburinganire bw'Imari yinjira n'isohoka mu Karere buhujwe ku buryo buteye butya:

| Imbonerahamwe "C" | Table "C" | Tableau "C" | |
|---|---|---|---|
| **I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE UBWAKO** | **I. DISTRICT OWN REVENUES** | **I. RECETTES PROPRES DU DISTRICT** | **2,669,694,862** |
| a) Amafaranga ava ku misoro y'Akarere | a) District tax revenues | a) Les recettes fiscales du District | 646,330,212 |
| b) Andi mafaranga atari imisoro | b) District non tax revenues | b) Les recettes non fiscales du District | 2,023,364,650 |
| **II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA** | **II. TRANSFERS FROM CENTRAL GOVERNMENT** | **II.TRANSFERS DU GOUVERNEMENT CENTRAL** | **14,120,391,429** |
| a) Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | a) Earmarked transfers | a) Les transferts ciblés | 2,121,461,160 |
| b) Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | b) Block Grant transfers | b) Les transferts non ciblés | 11,998,930,269 |
| **III. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA** | **III. OTHER GOVERNMENT AGENCY GRANTS** | **III. AUTRES TRANSFERTS EN PROVENANCE DES INSTITUTIONS DE L'ETAT** | **4,320,575,230** |
| **IV. AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA** | **IV. DONOR FUNDS** | **IV. DONS DES BAILLEURS** | **0** |
| **V. INGUZANYO** | **V. DOMESTIC LOAN** | **V. EMPRUNTS** | **0** |
| **VI. AMAFARANGA YIMUKANYWE** | **VI. BALANCES BROUGHT FORWARD** | **VI.REPORT DU SOLDE ANTERIEUR** | **700,961,768** |
| **VII. IZINDI MAFARANGA YISHYURWA** | **VII. OTHER EXPENDITURES** | **VII. AUTRES PAIEMENTS** | **0** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **VIII. INYUNGU KW'ISHORAMARI** | **VIII. BENEFITS FROM INVESTMENTS** | **VIII. BENEFICES D'INVESTISSEMENTS** | **0** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA** | **TOTAL REVENUES** | **RECETTES TOTALES** | **21,811,623,289** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANIJWE GUKORESHWA N'AKARERE** | **TOTAL EXPENDITURES OF THE DISTRICT** | **TOTAL DES DEPENSES DU DISTRICT** | **21,811,623,289** |
| **I. AMAFARANGA AZAKORESHWA MU NGENGO Y'IMARI ISANZWE** | **I. RECURRENT EXPENDITURES** | **I. DEPENSES COURANTES** | **12,372,707,827** |
| I.1.Amafaranga yishyura Imishahara | I.1. Wages and salaries | I.1.Salaires | 8,363,410,100 |
| I.2.Amafaranga azakoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 1,982,543,122 |
| I.3. Amafaranga akoreshwa mu kugura ibikoresho birambye | I.3. Acquisition of fixed assets | I.3. Achat des immobilizations | 78,698,046 |
| I.4. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.4. Subsidies and current transfers | I.4.Subvention et transferts courants | 1,747,831,464 |
| I.5 Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | I.5. Social benefits | I.5. Assistance sociale | 193,725,095 |
| I.6 Ibindi byishyurwa | I.6 Other expenditures | I.6 Autres paiements | 6,500,000 |
| **II. AMAFARANGA AZAKORESHWA MU MISHINGA Y'ITERAMBERE** | **II. DEVELOPMENT PROJECTS EXPENDITURE** | **II. PROJETS DE DÉVELOPPEMENT** | **9,438,915,462** |

**Ingingo ya 4: Ingingo z'ibyemezo zivanwaho**

Ingingo zose z'ibyemezo zibanziriza iki cyemezo byemejwe n'Akarere/Umujyi wa Kigali kandi zinyuranyije nacyo zivanyweho.

**Ingingo ya 5 : Igihe icyemezo gitangira gukurikizwa**

Icyi cyemezo gitangira gukurikizwa Inama Njyanama y'Akarere/Umujyi wa Kigali imaze gutora Ingengo y'Imari y'Akarere isubiwemo kigashyirwaho umukono kandi kikanatangazwa. Gifite agaciro nk'ak'icyemezo gishyiraho Ingengo y'Imari y'Akarere gahera itariki gishyiriwemo umukono.

Akarere ka Musanze Kuwa 31/01/ 2020.

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**NYIRABYIMANA Jacqueline**

**Umuyobozi w'Inama Njyanama**

**ABAYISENGA Emile**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

DISTRICT DE MUSANZE - OFFICE NOTARIAL

**Bishyizweho Kashe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze**

Notaire
RUHAYA Jonathan

Vu pour légaliastion de la signature
de M. NYIRABYIMANA et ABAYISENGA
Apposée ci-contre
Musanze, le 31 JAN 2020